**Imiterere y'ibihingwa ngengabukungu bihinduriwe umwimerere ku isi: 2013.**
**Byakozwe na Clive James, washinze kandi akaba n'umuyobozi w'icyubahiro wa ISAAA**

***Gituwe Dr. Norman Borlaug, wahawe igihembo cyitiriwe Nobel, umunyacyubahiro washinze ISAAA, ku itariki twibukaho imyaka ijana y'amavuko ye kuri 25 Werurwe 2014.***

## DORE IBINTU ICUMI BISHYA MU MWAKA WA 2013 KU BIREBANA N'IBIHINGWA BIHINDURIWE UMWIMERERE

**Icya mbere: 2013 wabaye umwaka wa 18 ibihingwa bihinduriwe umwimerere bicuruzwa.**

Ibihingwa bihinduriwe umwimerere byatangiye gucuruzwa muri 1996. Ubuso bihingwaho bwagiye bwiyongera buri mwaka hagati ya 1996 na 2013, bwazamutse mu myaka igera kuri 12 bugera ku gipimo cy'ubwiyongere bugera ku mibare ibiri; bigaragaza icyizere cy'amagana n'amagana y'abahinzi ku isi yose barangwaga no gutinya, baba abo mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere n'abo mu bihugu bikize. By'umwihariko, kuva ku ihingwa ryabyo rya mbere muri 1996, ubuso bwose busaga miliyari 1.5 bwakoreshejwe neza, Ubwo buso busaga 50% igiteranyo cy'ubutaka bukoreshwa mu Bushinwa no muri Leta zunze ubumwe za Amerika.

**Icya kabiri: Ubuso bw'ibihingwa bihinduriwe umwimerere bwikubye inshuro 100 buva kuri hegitari miliyoni 1.7 muri 1996 bugera kuri hegitari zisaga 175 muri 2013.**

Ibi birerekana ko ibihingwa bihinduriwe umwimerere ari ryo koranabuhanga ryiyongereye cyane kurusha ibindi mu hihe bya vuba; impamvu ni uko bitanga inyungu. Muri 2013, ubuso bwagenewe ibihingwa bihinduriwe umwimerere bwiyongereyeho miliyoni eshanu, ku gipimo cy'ubwiyongere bw'umwaka bungana na 3%. Ni byiza kumenya ko biteganyijwe inyungu ziziyongera buri mwaka ku buryo buhoraho mu myaka iri imbere. Ibyo biterwa n'uko bigenda byitabirwa ku gipimo cyiza (hagati ya 90% n'100%) ku bihingwa by'ingenzi, bikazakoresha ubwiyongere bw'umusaruro ku buso butoya.

**Icya gatatu: Umubare w'ibihugu bikoresha ibihingwa bihinduriwe umwimerere no kunoza imiterere y'ibihingwa.**
Ku bihugu 27 byakoreshaga ibihingwa bihinduriwe umwimerere muri 2013, 19 byari ibiri mu nzira y'amajyambere naho 8 bikaba ibyateye imbere. Kunoza imterere y'ibihingwa byafashe hegitari zigera kuri 47.1 cyangwa 27%.

**Icya kane: Ku mwaka wa kabiri wikurikiranyije, muri 2013 ibihugu bikiri mu mzira y'amajyambere byongereye ubuso kurusha ibihugu bikize.**
Ku buryo bugaragara, ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere byarongereye cyane, 54% (hegitari miliyoni 94) by'ubuso bwose bw'ibihingwa bihinduriwe umwimerere ku isi hose muri 2013 kurusha ibihungu bikize kuri 46% (hegitari miliyoni 81). Ubufatanye hagati ya Leta n'ibigo byigenga bwashyizweho kandi bwatanze umusaruro mu bihugu birimo na Brezil, Bangladesh na Indoneziya.

## Icya Gatanu: Umubare w'abahinzi b'ibihingwa bihinduriwe umwimerere.

Muri 2013, umubare w'akataraboneka w'abahinzi wiyongereyeho abagera kuri miliyoni 18, ni ukuvuga ubwiyongere ku gipimo cya miliyoni 0.7 kuva muri 2012, bahinga ibihingwa bihinduriwe umwimerere. By'umwihariko kandi, abasaga 90% ni ukuvuga basaga miliyoni 16.5, bari abahinzi baciriritse cyane bo mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere. Abahinzi bakunda kugira amakenga kandi bongera umusaruro bakoresheje uburyo bukoresha imbaraga nyinshi (Bahinga gusa kuri hegitari zigera kuri miliyari 1.5 bityo bakarengera amashyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima. Muri 2013, umubare w'akataraboneka ugera kuri miliyoni 7.5 w'abahinzi baciriritse bo mu Bushinwa n'abandi miliyoni 7.3 bo mu Buhinde bitabiriye guhinga kotoni ihinduriwe umwimerere kubera inyungu ziyiturukaho. Muri 2013, abahinzi baciriritse bagera kuri 400,000 bo muri Philipines bagezweho n'inyungu zaviye ku bigori bihinduriwe umwimerere.

## Icya gatandatu: Ibihugu bitanu bya mbere bihinga ibihingwa bihinduriwe umwimerere – ikoreshwa ry'ibigori bya mbere byihanganira umwuma na soya ibasha guhangana n'ibyonnyi.

Leta zunze ubumwe za Amerika zakomeje kuba ku isonga ry'ibindi bihugu n'ubuso bwa hegitari zigera kuri miliyoni 70.1, n'impuzandengo ikabakaba 90% y'ubwitabire ku bihingwa byose. By'umwihariko, ibigori bya mbere bihinduriwe umwimerere bihangana n'umwuma byatangiye bihingwa n'abahinzi bagera ku 2,000 bo muri Leta zunze ubumwe za Amerika ku buso bungana na hegitari ibihumbi 50,000. Brazil yari ku mwanya wa kabiri. Byongeye kandi, ku nshuro ya gatanu buri mwaka, yari ku isonga ry'ubwiyongere ku isi, igenda yongera ubuso buhinzeho ibihingwa bihinduriwe umwimerere kurusha ibindi bihugu byose. Ni umubare w'akataraboneka wa hegitari miliyoni 3.7, ubwiyongere ku 10% kuva muri 2012 kugera kuri hegitari miliyoni 40.3. Brazil nayo yahinze soya ihinduriwe umwimerere, byaratangiriye ku buso bwa hegitari miliyoni 2.2 bafite kandi n'ibishyimbo bihangana na virusi, bishobora gushyirwa ku isoko ubungubu. Argentina yagumye ku mwanya wayo wa gatatu na hegitari miliyoni 24.4. Ubuhinde bwavanye Canada ku mwanya wayo wa kane bwagize hegitari miliyoni 11 za kotoni ihinduriwe umwimerere, n'ubwitabire bwa 95%. Canada yari iya gatanu ku buso bwa hegitari miliyoni 10.8, hagaragaye ukugabanuka kw'igihingwa cya canola ariko haguma ubwiyongere bwinshio mu bwitabire bwa 96%. Muri 2013, buri gihugu muri biriya bitanu bya mbere, byahinze hejuru ya hegitari miliyoni 10, bikaba bitanga icyizere gisesuye kandi gifatika cy'ubwiyongere mu minsi iri imbere.

## Icya karindwi: Uko ibihingwa bihinduriwe umwimerere bihagaze muri Africa.

Africa yakomeje gutera imbere kuko Africa y'epho yakomeje kubona inyungu zikomoka ku bihingwa bihinduriqwe umwimerere kurenza imyaka icumi ishize. Burukina Faso hamwe na Sudani byongereye ku buryo butangaje ubuso bw'ibihingwa bihinduriwe umwimerere. Afrika y'epfo yongereye ubwo buso ku gipimo kingana na 50% naho Burukina Faso ibwongera kuri 300% muri 2013. Ibihugu birindwi (Cameruni, Misiri, Ghana, Kenya, Malawi, Nigeria na Uganda) byakoze igerageza mu mirima. Ni icyciro kibanziriza icya nyuma kugira ngo bishyirwe ku isoko. By'umwihariko, biteganyijwe ko umushinga WEMA ugeza nuri Africa ibigori bihangana n'umwuma bitarenze umwaka wa 2017. Kuba hatariho amategeko ahamye no kutagira inyigo zizwe neza ku byerekeye inyungu zivamo, ni imbogamizi mu bwitabire. Hakenewe amategeko y'ingirakamaro cyane cyane ku bahinzi baciriritse bo mu bihigu bikiri mu nzira y'amajyambere.

## Icya munani: Uko ibihingwa bihinduriwe umwimerere bihagaze mu bihugu by'I Burayi.

Ibihugu bitanu by'I Burayi ( Espanye, Portugal, Repubulika ya Chech, Slovakia na Rumaniya) byahinze ibigori bihinduriwe umwimerere ku buso bwa hegitari 148,013. Bwiyongereyeho 15% kuva muri 2012. Espanye niyo yaje ku isonga mu Burayi, n'ubuso bwa hegitari 136,962 buhinzeho ibigori bihinduriwe umwimerere. Bwiyongereho 18% kuva muri 2012. Ubwitabire bwageze ku gipimo cya 31% muri 2013.

## Icya cyenda: Inyungu zituruka ku bihingwa bihinduriwe umwimerere.

Kuva muri 1996 kugeza muri 2013 ibihingwa bihinduriwe umwimerere byafashije cyane mu kwihaza mu biribwa, iterambere rirambye, ibidukikije hamwe n'imihindagurikire y'ikirere. Byafashije hisfashishijwe kongera umusaruro w'ibihingwa bifite agaciro kabarirwa mu madolari agera kuri miliyari 116.9; kubungabunga ibidukikije, gucungura ibiro bigera kuri miliyoni 497 by'imiti yica ibyonnyi. Muri 2012 gusa, hagabanyijwe ibiro bigera kuri miliyari 26.7 bihwanye no kuba wakura mu muhanda imodoka zigera kuri miliyoni 11.8 mu gihe cy'umwaka umwe. Byabungabunze urusobe rw'ibinyabuzimaku kuko harokowe hegitari miliyoni 123 z'ubutaka kuva muri 1996 kugera muri 2012. Byafashije kugabanya ubukene bw'abahinzi baciriritse basaga miliyoni 16.5 hamwe n'abagize imiryango yabo basaga miliyoni 65, babarirwa mu bantu bakennye cyane ku isi. Ibihingwa bihinduriwe umwimerere ni ingenzi ariko kandi si kamara. Na none kandi kwitabira uburyo bwiza bwo guhinga nko gusimburanya ibhingwa no kurinda indwara, ni akarusho ku bihingwa bihinduriwe umwimerere nko ku bihingwa bisanzwe.

## Icya cumi: Mu bihe biri imbere.

Mu cyizere kivanze n'ubushishozi, hamwe n'inyungu zigereranyije zitezwe bitewe n'ubwitabire busanzwe buri hejuru (90%) mu bihingwa by'ingenzi bihinduriwe umwimerere biri mu masoko yateye imbere mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere n'ibikize. Bangladesh, Indoneziya na Panama byemeye ibihingwa bihinduriwe umwimerere muri 2013, hateganyijwe ko bitangira gucuruzwa muri 2014.

*ISAAA ni umuryango udaharanira inyungu, ufashwa n'ibigo bya Leta n'byigenga. Hegitari zose zihinzweho ibihingwa bihinduriwe umwimerere zigaragara mu byegeranyo byacu, zabazwe inshuro imwe gusa, hatitawe ku kigero cyo kunoza imimerere y'ibihingwa. Amakuru arambuye aboneka mu nshamake 46* ***"Imiterere y'ibihingwa ngengabukungu bihinduriwe umwimerere ku isi: 2013"*** *cyanditswe na Clive James.*
*Ukeneye amakuru arambuye, gana urubuga rwa interineti http://www.isaaa.org cyangwa ubaze ISAAA SEAsiaCenter kuri numero +63 49 536 7216, ISAAA AfriCenter kuri +254 20 422 3618 cyangwa wohereze ubutumwa bwa interineti kuri info@isaaa.org.*